Amakuru kucyo wakora nyuma yo kwipimisha korona

GUMA MU RUGO KUGEZA IGIHE IGISUBIZO KIZIYE. Mu gihe kingana n'umunsi 1 kugeza kuri ibiri uba ubonye igisubizo. Nta nteguza ubona ko igisubizo cyaje. Jya kuri www.helsenorge.no kureba igisubizo cyaba icyawe cyangwa umwana. Uramutse udafite ububasha bwo kwinjira muri helsenorge.no, ugomba kubaza umuganga wawe. Ushobora no guhamagara kandi telefone ya korona kuri ☎ 55 56 77 00

IGISUBIZO NI YEGO: IGIPIMO CYEREKANYE UBWANDU

Abantu bose ibisubizo byerekanye ubwandu bahamagarwa cyangwa bakakira ubutumwa bugufi buturutse ku ivuriro rya Bergen(Bergen legevakt) .

Igihe wanduye ugomba
- ✓ kuguma mu rugo
- ✓ gushyiramo intera n'abo mubana aho bishobotse ugakoresha icyumba ndetse n'ubwiherero byawe gusa
- ✓ horana isuku haba mu ntoki cyangwa ku bintu

Abasigaye mu nzu bagomba kujya mu kato. Ugomba kwiheza kugeza hashize iminsi 10 ugaragaje ibimenyetso , n'umunsi wanyuma(amasa 24) wose ukaba ushize nta muriro.

Ibuka abantu bose wahuye nabo kuva wafatwa, hamwe ni minsi 2 mbere yuko ufatwa. Bamenyeshe ubabwire ko bashobora kuba baranduye. Ibiro bishinzwe kurinda ubwandu biraguhamagara, bakaguha andi makuru yisumbuyeho.

Ushobora gusoma byinshi birenzeho kuri ibi by'akato no kwiheza kuri www.bergen.kommune.no/koronavirus cyangwa www.fhi.no.

IGISUBIZO NI OYA: IGIPIMO CYEREKANYE KO NTA BWANDU

Igisubizo cyerekanye ko «Nta bwandu» kuri www.helsenorge.no, nta bwandu bwa virusi ya korona bagusanzemo muri ako kanya. Uri mu kato mu rugo k'iminsi 10 ni ngombwa ko uyirangiza. Virusi hari igihe runaka imara mumubiri, mbere yukuko igaragara.Ushobora mu busanzwe kuba waranduye nubwo ibisubizo byakwerekana oya.

Igihe urwaye ibicurane cyangwa wafashwe mu myanya y'ubuhumekero, utari mu kato, ugomba ku guma mu rugo kugeza ukize. Abakora muri serivisi z'ubuzima, bagaragaje ibimenyetso, bagomba kubimenyesha abakoresha babo mbere yo gusubira mu kazi.

Ni ngombwa ko ureba inama zikwerekeye kuri www.fhi.no.

Ugaragaje ibimenyetso igihe ugitegereje ibisubizo cyangwa uri mu kato, hari ibyago by'uko wanduye ugomba guhita wiheza. Ugomba guhita umenyesha abandi mubana mu nzu hamwe n'abo mwahuye ko bagomba kujya mu kato.

Saba ubufasha igihe ugaragaje ibimenyetso. Hamagara muganga wawe cyangwa ivuriro kuri ☎ 116 117. Igihe urembye, ugomba guhamagara kuri ☎ 113. Guma ucunga ko udahumeka nabi. Ugomba kwibuka kuvuga kuri telefone ko uri mu muhezo cyangwa uri mu kato kubera Covid-19.

Versjon: 12..11.20

BERGEN KOMMUNE

BERGEN LEGEVAKT